Christine Nyakamwe

Tel: 0788517454

Email: christinehoza@yahoo.com

Site: www.umuhoza. Org

# UKWIZERA GUSHINGIYE KU RUKUNDO, NI WO MUSINGI WO KUBABARIRA
## Igicye cya 3

Turacyakomeza kuganira ku nsanganyamatsiko ijanye na bino bihe by'icyunamo turimo nk'abanyarwanda kugirango idufasha kubabarira. Iravuga iti : ''Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana, ni wo musingi wo kubabarira''. Twavuze ko ukwizera ko ari ugushikamisha umutima wacu ku Mana, noneho ibindi byose byabasha kudushishikaza bikatuba kure, bigatuma tutabigumiza mu bitekerezo byacu ngo bikomeze kudukomeretsa, noneho Imana twimitse muri twe, ikaba ari yo iduha imbaraga zo kubabarira. Twavuze kandi ko ntawashikamisha umutima we ku wo adakunda, bivuze ko ukwizera mu by'ukuri gufitwe n'abakunda Imana kurusha byose. Ni cyo gituma ikiganiro cya mbere cyibanze ku Rukundo dukunda Imana, imbaraga zarwo mu kuduhesha kwizera, n'ingene twabona urukundo dukunda Imana kugirango tubone ukwizera nyakuri. Kuko, twasanze kwizera ari ibanze ryo gukiranuka muri byose, ni yo mpamvu ikiganiro cya kabiri cyasobanuye mu buryo burambuye ku kwizera icyaricyo, tuganira ku kungene umuntu yabona ukwizera, tuganira no ku mumaro wo kwizera mu Mana mu buzima bwacu. Uno munsi rero turaganira ku kibazo cyo kutizera n'ingaruka zacyo mu buzima bwacu.

## Kutizera ni iki ?

Nk' uko ubushize twavuze kandi tugasobanura ko ukwizera ari ibanze ryo gukiranuka, kutizera ni ryo shingiro ryo gukiranirwa. Kutizera, ni yo nkomoko y'ibyaha byose. Nagirango dusobanukirwe neza kuko abantu benshi bitiranya kutizera no gushidikanya kw'isoza ry'amasezerano Imana yaduhaye gusa. Kutizera n'Ijambo rigari kurusha uko dusanzwe tubitekereza. Nk'uko nabisobanuye mu buryo burambuye mu kiganiro giheruka ko ukwizera ari ugushikamisha umutima wacu ku Mana, Imana ikaba ari yo, yo n'Ijambo ryayo baba mu bitekerezo byacu, kandi, ibi tukabigezwaho n'uko twemera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, kandi

ko Imana ari inyakuri. Ni nako kutizera, ari ukwimura Imana, tukayishira kure y'imitima yacu, mu kudakunda kuyitekerezaho, ahubwo, ibitekerezo byacu bigaherera ku byo turarikiye bidushukashuka, hama tukibagirwa Imana. Uko kutizera, gutuma twimura Imana, guturuka ku kutigera dufata Imana nk'inyakuri, ahubwo tukagumana bya bitekerezo bibi twarazwe na Adamu na Eva, bihora bitwumvisha ko Imana ari umubeshi. Igihe cyose tuzakomeza gufata Imana nk'umubeshi, ntabwo tuzabasha gukunda Imana kurusha byose, ni nacyo gituma tutazabasha kugendana nayo mu kuyihoza mu mitima yacu. Ni na kwo gusinzira mu buryo bw'Umwuka, ni na kwo kuba mu mwijima

Murumva rero ko kutizera ko ari ikintu kibi cyane tutagomba gukinisha. Ni bibi ku mpamvu zikurikira :

**1 ) Kutizera kudutera kwimura Imana, ni bwo busambanyi bwo mu mwuka.**

Mw'ibaruwa Pawulo yandikiye Abaheburayo yarababwiye ati : ''Nuko bene Data, mwirinde hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera umutera kwimura Imana ihoraho''. ( Abaheburayo 3 : 12 )

Ijambo ry'Imana ritubwiye ko umutima utizera, ni umutima mubi kuko utera umuntu kwimura Imana. Kwimura Imana, ni ukuyica inyuma. Kuko igihe wakira Yesu - Kristo, wamwemereye kugendana nawe ubuzima bwawe bwose, akakubera Umwami n'umutware akakuyobora, urangije, umutima wawe ukomeza kuwurekurira ibitagira umumaro. Ukomezanya na za ncuti zawe za kera, ukomezanya na Rosa mwasambanaga, ku bwo kumukomeza mu bitekerezo byawe, ntiwigeze ubasha kuva mu busambanyi, ukomezanya n'inzoga, ukomeza kuba umusinzi, ku bwo kuyihoza mu bitekerezo byawe , ukomezanya n'ibiryo, ukomeza kuba igisambo ku bwo guhoza ibiryo mu bitekerezo byawe, kandi witwa ngo warakijijwe. Noneho Yesu wasezeranye na we, umuheza hanze y'umutima wawe, kandi waramusezeranije kumwiyegurira wewe wese n'ibyawe byose, uhereye ku mutima wawe. Ni bwo busambanyi bwo mu mutima, ni bwo busambanyi bwo mu Mwuka. Ndakomeza gushimangira kino gitekerezo. Umukobwa wararikiraga, wakomeje kumuhoza mu bitekerezo byawe, ni cyo gituma ukomeza gusambana. Ibukunzi bw'inda bwakugumyemo kuko wakomeje guhoza ibiryo mu bitekerezo byawe. Ubusinzi bwarakwokamye kuko aho uri hose, umutima wawe uhora ku nzoga, umururumba ukagufata, ukaguteza kunywa udashira inyota, n'ibindi, n'ibindi. Ibyo turarikira ni byinshi . Kandi, ku bwa kamere muntu, umuntu wese agira icyo ararikira, akagihoza mu bitekerezo bye ku bwo kugikunda kurusha byose na bose. Iyo kamere muntu yo kurarikira, ni yo Umwami Yesu yaje kutumaramo, igihe cyose tumurekuriye imitima yacu, tukamurekurira ibitekerezo byacu, tukamugira uwa mbere mu buzima bwacu, tukamukunda kurusha byose na bose. Mu magambo yumvikana, Umwami Yesu yaje kudufasha gutegeka imibiri yacu kugirango idashishikara gukora ibyo yishakiye, ahubwo ikore ibyo Imana ishaka, kugirango tubeho tunezereza Imana kuko ari cyo twaremewe. Ntabwo twaremewe kwinezereza, twaremewe kunezereza Imana. Abantu

benshi barayobewe inshingano zabo, ni cyo gituma kwinezeza twabigize intego y'ubuzima bwacu bidutandukanya n'Imana. Imana, hari abayikuye muri gahunda y'ubuzima bwabo, abandi babaye ba mpemuke – ndamuke, barahemukira abandi by'indengakamere ngo babone ibinezereza imibiri yabo.

Muri Luka 14 : 25-26, Umwami Yesu yaratubwiye ati : '' Umuntu aza aho ndi ntiyange se na nyina, n'umugore we n'abana be, na bene se na bashiki be, ndetse n'ubugingo bwe, uwo, ntashobora kuba umwigishwa wanjye. Nuko kandi, umuntu wese muri mwe udasiga ibyo afite byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye.'' Kwanga umuryango wawe Yesu avuga hano, ntabwo ari ukubanga mu buryo bwo kubagirira nabi kuko Yesu adusaba gukundana nk'uko yadukunze, ahubwo, akoresha iryo jambo kugirango atwumvishe buryo ki ari bibi guhoza undi muntu n'aho yaba nde mu bitekerezo byawe. Turabizi twese ko uwo duhoza mu bitekerezo, n'ibyo duhoza mu bitekerezo, ni bo tuba dukunda, ni byo tuba dukunda kurusha byose na bose. Mu by'ukuri, nk'uko Yesu abivuga, umurutishije ikintu na kimwe cyangwa umuntu n'umwe, ntabasha kumwigisha kuko atari mu mutima we ngo abashe kumutekerereza no kumuhishurira. Yesu akorera mu bitekerezo byacu igihe cyose tubimurekuriye. Ni cyo gituma mu Byahishuwe 3 : 20, Yesu atubwira ati : Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. ''Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura, nzinjira iwe dusangire.'' Yesu ahora ku rugi rw'imitima yacu adusaba kuyinjiramo kugirango dusangire ibitekerezo. Adukuremo ibitekerezo bibi bitubamo, aduhe ibitekerezo bye byiza.

Kandi kwimura Imana, ni cyo kintu kibabaza Imana by'indengakamere, kuko iyo wimuye Imana, uba uhisemo kwimika Satani. Uba uteye Imana umugongo, uba uyiteye gufuha, kandi, uhinduka umunyabyaha, ari we mwana wa Satani, nk'uko, Ijambo ry'Imana ribitubwira riti : ''Ukora ibyaha ni uwa Satani. Kuko uhereye mbere na mbere, Satani akora ibyaha ''. Uhisemo rero kwimika Satani, akora ibyaha kuko Satani ari muri we , nta cyiza kimubamo, ni ibibi gusa amutekerereza. Ni nayo mpamvu Ijambo rya mbere ryatubwiye ngo ntihakagire ugira umutima mubi umutera kwimura Imana. Uwimuye Imana yimika Satani, ni cyo gituma afite umutima mubi umukoresha ibibi.

Umwami Yesu yarabivuze muri Matayo 15 : 18, aho yatubwiye ati : ''Ibiva mu kanwa biba bivuye mu mutima ni byo bihumanya umuntu. Kuko mu mutima w'umuntu ari ho haturuka ibitekerezo bibi. Kwica no gusambana no guheheta, kwiba no kubeshera abandi n'ibitutsi, ni byo bihumanya ''.

Ibyo bibi byose, Yesu yavuze ko bituruka mu mutima wicawemo n'ibitekerezo bibi. Kandi ibitekerezo bibi, nta handi bituruka atari kuri Satani, igihe cyose tumurekuriye umutima wacu akadufata mu bitekerezo, natwe tukemera ko ibyo atwongorera ari iby'ukuri.

Muri 2 gutegeka 28 : 20 b, ‘’ Uwiteka yaratubwiye ko umuvumo we uzaba ku bantu bakora ibyaha bikomeye byo kumwimura ‘’. Abamwimura, ni abatamwizera, kutizera, ni cyo cyaha gikomeye kiruta ibindi byaha byose kuko ni cyo gikomokwaho n’ibibi byose dukora.

Nk’uko nabisobanuye muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo : ‘’Dukizwa n’Ubuntu bw’Imana’’, n’ubu ndabisubiramo. Kwimura Imana, biterwa n’uko hari ibindi urarikira mu mutima wawe, noneho, bigaha urwaho Satani rwo kwinjira mu mutima wawe agakongezamo ibintu bitatu bishingiye kw’irari dusanganywe, bituma dukora ibyaha by’ubwoko bwose :

**ISHYARI :** Umuntu ufite ishyari, ni umuntu uhorana kutanyurwa n’ibyo afite n’ukwo ari, agahora yipfuza kumera nk’uko abandi bameze, nokugira iby’abandi bafite, ndetse agahora ashaka kurengera abandi. Umunyeshyari nta kibi adakora kuko nta cyiza yifuriza abandi. Anezerezwa no kubona abandi bagowe, bababaye; akababazwa no kubona abandi banezerewe. Nta cyo rero adakora kugirango ateze abandi imibabaro. Arica, arabeshyera abandi, aragambanira abandi kugirango ahaze irari ry’umubiri we n’ibindi byinshi, kuko ahorana kwipfuza iby’abandi mu mutima we.

**UMURURUMBA** . Umururumba, ni wo udushora mu mirimo y’urukozasoni nko gusambana, kuba umukunzi w’inda, kwiba, gusinda mu Kinyarwanda cyangwa kuborerwa mu Kirundi, umuntu agahinduka imbata y’ inzoga n’ibindi biyobyabwenge ( Urumogi, amatabi… )

**UBWOBA.** Umuntu w’irari ahorana ubwoba bwo kudashyikira ibyo ararikiye, cyangwa ubwoba bwo kubitakaza iyo yabibonye. Umunyabwoba, nta byiringiro agira mu Mana, arirwanirira, agahutiraho, ni umunyamujinya, ahorana intonganya mu kanwa ke no mu mutima we.

Mu magambo make, umuntu utizera Imana aba atuye kure y’Imana, kuko aba atuye iwe mu mubiri, ayoborwa n’ibyo ararikiye binezereza umubiri we. Ni ukuvuga ko akora ibyo ategekwa n’irari ry’umubiri we, ntaba agitegekwa n’Imana kuko yayimuye. Ni umuntu ubaho mu bushake bwe, ntabaho mu bushake bw’Imana nk’uko Imana ibidusaba.

**2) Kutizera ni ugusuzugura Imana.**

Ijambo ry’Imana riri mu Migani 8 : 13, ritubwira ko ‘’ kwubaha Imana ko ari ukwanga ibibi ‘’. Ni ukuvuga ko ari ukwirinda ibyaha ukagendera mu nzira yo gukiranuka. Utizera, twabonye ko akora ibibi by’ubwoko bwinshi tumaze kuvuga aho haruguru. Aba asuzugura Imana kuko Imana itwigisha gukora ibyiza bikomoka ku mutima w’urukundo, noneho, ku bwo kutizera Imana, abantu bagahorana ibindi bigirwamana bararikira mu mitima yabo, bikabashukashuka bikabakoresha ibibi kuko bimuye Imana bakimika Satani. None, umwana ukora ibinyuranije n’indero ahabwa n’ababyeyi ntaba abasuzuguye ? Natwe n’uko, igihe cyose twiyobagiza ibyo dutegekwa n’Imana ibinyujije mw’Ijambo ryayo, hama tukikorera ibyo twishakiye, tuba

tuyisuzuguye by'indengakamere. Uko ni ukutumvira Imana, bikatuviramo kwanga gutegekwa na yo.

**3 ) Kutizera ni ugufata Imana nk'umubeshi.**

Ubushize, twabonye ko umuntu yizera, ni uwemera ko Ijambo ry'Imana ari ukuri, kandi ko rimufiteho imbaraga n'ubutegetsi. Agafata Imana uko iri ko ari inyakuri. Ariko, utizera afata Ijambo ry'Imana nk'ibinyoma, bikamuviramo gufata Imana nk'umubeshi. Ni ko byagendekeye Adamu na Eva. Umwanzi yarabashutse ababwira ko Imana yababeshe barabyemera, bumvira Satani, bagambararira Imana, n'uko batandukanye n'Imana. Urumva rero, Imana ntibasha kubana n'abatayemera. Kutizera Imana ni ugutandukana na yo.

Ku bwo gufata Imana nk'umubeshi, umuntu utizera ntabasha no gutegereza amasezerano Imana yamuhaye, noneho akivumbura, agatangira kwitotomba no kwivovota atuka Imana. Akumva ko itamuzi, akumva ko yamutaye. Akumva ko Imana itanamukunda. Iyo umuntu amaze gutakaza icyizere mu rukundo Imana imukunda, arigomeka, akihindura umwanzi w'Imana, akitandukanya na yo.

Kutizera mu magambo make ni ukwihakana Imana, ukemera mu byo wasizemo ibyiringiro byawe, ko ari byo bifite imbaraga n'ubushobozi ku buzima bwawe.

## INKURIKIZI ZO KUTIZERA NI IZIHE ?

**1 ) Umuntu utizera atakaza uburinzi bw'Imana ku buzima bwe.**

Umuntu utizera, aba yarirukanye Imana mu buzima bwe. Ni cyo gituma, imbaraga z'Imana zitabasha kugaragara mu buzima bwe, noneho agahorana amakuba n'imibabaro. Imana muri bwa butumwa yampaye kubagezaho, muri message yise ko Agakiza atari igikinisho, yaratwibwiriye ko turi mu bihe bikomeye by'imperuka kandi ko buri wese akeneye kwambara imbaraga kugirango aneshe Satani. Noneho Imana iravuga ko abamwegereye ko bagiye kwambara imbaraga, kandi ko agiye kubatabara, ariko na none ko atabara abari kumwe na we. Imana irashishikara ikatubwira iti : Urugamba ruragabwe, ariko ni jye wo kurugwana. Ni jye wo gutabara no guhana, Satani yahagurukiye Abayuda bafite umutima nk'uwo nshaka. Nuko rero. Tumenye ko turi mu ntambara, kandi ko tutiyegereje Imana ngo dukomeze ukwizera kwacu muri yo, tuzaneshwa kuko ntacyo twabasha ku bwacu tutari kumwe n'Imana. Pawulo ni we wavuze Ijambo ryiza ati : ''Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga''. Iyo utari kumwe n'Imana ngo ikurinde umwanzi atagukoraho, uwo mwanzi aragukandamiza akaguhindura imbata y'ibyaha. Ibihembo by'ibyaha ni amakuba, kuko nta mahoro y'umunyabyaha, kandi amaherezo ni ukurimbuka. Umunezero n'amahoro biheshwa no kwizera nk'uko iri jambo riri

mu Baroma Pawulo yabandikiye ababwira riti : ‘’ Imana Nyiringabo ibuzuze umunezero wose n’amahoro biheshwa no kwizera, kugirango murusheho kwiringira mubiheshejwe n’imbaraga z’Umwuka Wera ‘’. Umuntu ufite kwizera aba afite Imana mu mutima we, Imana izanana n’umunezero n’amahoro, kandi mu byo unyuramo byose wumva ukomeye udahubangana kuko uzi ko uri kumwe n’Imana ihoraho kandi ishobora byose. Ariko utizera, urumva nyene ko ntaho yakura umunezero n’amahoro, ahora aruhijwe n’imibabaro yo muri ino si, kuko Satani wamwiziziye, ni uwo kumuca intege no kumuzirikira mu bwoba.

Muri Zaburi 125 : 1-2, Ijambo ry’Imana ritubwira ko Imana igose gusa abayiringiye, bayishizemo icyizere cyabo cyose. Iryo jambo mu yandi magambo, ritugaragariza ko abatizeye Imana ko nta mbaraga z’Imana zibariho. Riratubwira riti : ‘’ Abiringiye Uwiteka bameze nk’umusozi wa Siyoni utabasha kunyeganyezwa. Ahubwo, uhora uhamye iteka ryose. Nk’uko imisozi igose i Yerusalemu, ni ko Uwiteka agose abantu be, uhereye none kugeza iteka ryose’’.

**2) Umuntu utizera, si umwana w’Imana**

Iri Jambo nyene ry’Imana tumaze kuvuga, rirabitugaragariza kuko rivuga ko abiringiye Uwiteka ko batanyeganyezwa, kandi ko Uwiteka agose abantu be. Abantu be, ni bo agose, ni abamwizera. Na yo abatamwizera, si abe. Ikindi kandi, Umwami wacu Yesu-Krisito, yaratubwiye muri Yohana 1 : 12 ko abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana. Ni ukuvuga ko abatamwizera ntibabasha guhabwa ubwo bushobozi bwo kuba abana b’Imana. Kandi birumvikana kuko ikitubatura ku cyaha kikaduha gusa n’Imana ku bwo gukiranuka, ni ukuri ari ryo Jambo ry’Imana. Ariko, Ijambo rizakubatura, ari uko uryemera ko ari ukuri. Iryo naryo ryemerwa n’abizera, ariko igihe cyose uzaba utizera, ugafata Ijambo ry’Imana nk’ikinyoma, ntacyo rizabasha gukora mu buzima bwawe kuko ritazabasha guhindura ibitekerezo byawe. Nuko rero uzakomeza kuba imbata y’icyaha, ntazigera aba uwo mu rugo kwa Data.

Umwami wacu Yesu-Kristo yabitubwiye muri aya magambo ari muri Yohana 8 : 31-32, 34-36, ati : ‘’ Nimuguma mw’Ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababatura’’. Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko umuntu wese ukora ibyaha ari imbata y’ibyaha. Imbata, ntiba mu rugo iteka, mwene nyirarwo ni we urugumamo iteka. Urumva rero utizera Imana ngo yizere Ijambo ry’Imana, ku bwo kuryemera ko ari ukuri rimubature, rimuhindure Umwana w’Imana, azahora ari imbata y’ibyaha, ari yo mbata ya Satani. Ikibazo kihari ni uko hari abana b’Imana bemeye Yesu-Kristo, ariko bagasubira inyuma bakihindura imbata. Abo nibatisubiraho, bazasohorwa mu rugo kwa Data batabwe hanze. Namwe murabizi ko no mu mago yacu, abakozi ntabwo bahora mu ngo zacu. Igihe kiragera ku bwo impamvu zitandukanye bakagenda bagasubira i wabo. Kandi nta murage bagira kwa ba shebuja, bakorera ibihembo, si abana bo mu rugo. Abana bo mu rugo ni bo baragwa

iby’ababyeyi babo. N’ubwami bw’Imana buzaragwa abana bayo, kandi tuzaburaganwa na Kristo. ( Abaroma 8 : 12-17 )

**3) Umuntu utizera ntabasha gukorera Imana**

Umuntu utizera, ntaba akunda Imana. Ni cyo gituma atabasha gukorera Imana. N’iyo agerageje gutangira gukorera Imana mu mbaraga ze, amaherezo aracogora akabivamo, kuko atagira imbaraga z’urukundo zimusunikira gukora kugirango anezereze Imana. Buriya uwo ukunda, uhora wishimira kumunezereza ni cyo gituma usanga kugira icyo umukorera ari ibyo igiciro cyinshi. Guhabwa umurimo n’Imana hoho, usanga ari ibitangaza Imana iba yagukoreye ku bwo ubuntu bwe. Ni cyo gituma ukorera Imana n’ishyaka ryinshi. Ugakora wishimye kandi unezerewe.

Umuntu udakunda Imana aracogora, gukorera Imana yumva ari nko kwikorera umusalaba. Akumva bimugoye kandi bimuremerereye. Arahatiriza amaherezo akabivamo kuko n’impamvu yo gukorera Imana ntayibona. Imana ni yo yavuze ngo : Nyimba wumva kunkorera biruhije ni uko utankunda, kuko ubuzima bwawe nanjye, ni urugendo rw’urukundo. Iyo umuntu akorera uwo akunda, ntacyogora, ntatakaza imbaraga ngo atentebukirwe. Muzarebe ko hari umubyeyi ukunda abana be acogora kubakorera kugirango abakuze abageze mu bigero ?. N’iyo amaze kubakuza, ntarekeraho kubakorera kugirango azabone umurage wo kubasigira. Yumva abana be ari bo abereyeho. N’Imana, iyo umaze kugera ku rugero rukwiriye rwo guyikunda, wumva ari yo usigaye ubereyeho.

Gukorera Imana utayikunda ntibishoboka, ababyiyitirira, ni uko baba hari izindi nyungu bashakisha muri uwo murimo w’Imana. Abo ni bo bankiriza umurimo w’Imana, kuko baba bishakira ibihaza kwipfuza kwabo, ni nacyo gituma bavuga kandi bagakora ibijanye n’irari ryabo. Nta kindi bakora atari ugusunikira abantu i kuzimu ku bwo kubakundisha iby’isi ha kubakundisha Imana. Ibyaribyo byose, nta n’umwe ayobewe ko abakunzi b’iby’isi ko ari abanzi b’Imana. Umwami Yesu we yatubwiye ko ntawukeza abami babiri.

Abameze batyo, mugomba kubirinda nk’uko Pawulo yabitubwiye, mu Baroma 16 : 17 ati : ‘’Bene Data, ndabinginga ngo mwirinde abazana ibyo gutandukanya n’ibigusha binyuranye n’ibyo mwize. Mubazibukire kuko abameze batyo atari imbata z’Umwami ni imbata z’inda zabo kandi imitima y’abatagira uburyarya bayohesha amagambo meza n’ibyo kubanezeza ‘’. Babemerera inzuki bategeka, bagakongeza irari muri mwe babahendesha ubuhanuzi bw’ibyiza bikuriye mu mitwe yabo kugirango bababonemo indamu. Mwitonde kandi mugendane ubwenge. Bibiliya idusaba kwemera ubuhanuzi bw’ibyiza ari uko bushoje.

**4) Umuntu utizera ni ikivume**

Umuntu utagira ukwizera mu Mana ni ikivume muri ino si kandi ntazabona n'ubugingo buhoraho.

Muri 2 Gutegeka 28 : 20, Ijambo ry'Imana ritubwira riti : '' Uwiteka azakwoherereza umuvumo no guhagarikwa umutima no kubwirwa ibyago bizaza mu byo ugerageza gukora byose, kugeza aho uzarimbukira ukamarwa vuba, aguhora ibyaha bikomeye uzaba ukora byo kwimura Imana.'' Kandi twabisobanuye mu kiganiro giheruka ko umuntu utizera ko aba yarimuye Imana mu mutima we. Umuntu rero utizera ntabasha kubona umugisha w'Imana, kandi umugisha w'Imana, ni ukunyurwa no kubaho mu mahoro no mu munezero. Ijambo ry'Imana ritubwira riti : '' Imana ny'iribyiringiro, ibuzuze umunezero wose n'amahoro biheshwa no kwizera kugirango murusheho kwiringira mubiheshejwe n'imbaraga z'Umwuka Wera( Abaroma 15 : 13 ) Urumva rero utagira kwizera, nta mahoro n'umunezero, ahorana umujinya n'ubwoba.

Muri Yeremiya 17, 5 -6, Imana irabidusobanurira neza muri aya magambo iti : ''Havumwe umuntu wiringira undi muntu akishima amaboko ye, mu mutima we, akimura Uwiteka. Azaba ameze nk'inkokore yo mu Butayu, kandi icyiza nikiza ntazakibona, ahubwo azatura ku gasi ko mu Butayu, mu gihugu cy'ubukuna kidatuwemo''. Kandi, Ijambo riri aho muri icyo gice nyene ku murongo wa 13, riratubwira riti : '' Uwiteka byiringiro bya Istraeli, abakwimura bose bazakorwa n'isoni. Abanyimura bazandikirwa mw'isi kuko bimuye Uwiteka, kandi ari we soko y'ubugingo. ''

Umuntu utizera, ntaba afite Imana muri we, aba yarayimuye, akimika mu mutima we ibigirwamana, baba abantu cyangwa ibintu. Abantu nk'abo, ntibababasha kubona ubugingo buhoraho, kuko nta handi bubonerwa atari muri Yesu-Kristo ku bwo kumwizera. Ikindi kandi, ku bwo kutagira Imana muri bo bakaba barimitse abababababaje n'ibyababababaje, ntibabasha kubabarira. Nyimba batabasha kubabarira ababagirira nabi, nabo Imana ntizabababarira, bazapfana ibyaha barimbuke.

Ibyaribyo byose, abatizera barakiranirwa, ikibategereje, ni ukuzacibwaho iteka ku munsi w'amateka nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga muri 2 Petero 2 : 9, aho Ijambo ry'Imana ritubwira riti : '' Umwami Imana, izi gukiza abayubaha ibibagerageza no kurindira abakiranirwa kugeza ku munsi w'amateka ngo bahanwe, ariko cyane cyane abagenda bakurikiza kamere, bamazwe no kurarikira ibyonona bagasuzugura gutegekwa.'' Abo bararikira, ni bo bimuye Imana, ku bwo kutayizera. Ni bo rero Imana yashize ku murongo wa mbere w'abarimbuka. Iyo dusomye mu Byahishuwe 21 : 2-6, Umwami Imana yaratubwiye ati : '' Ufite inyota nzamuhera ubuntu kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo. Unesha azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye na we abe umwana wanjye. Ariko abanyabwoba n'abatizera, n'abakora ibizira, n'abicanyi, n'abasambanyi, n'abarozi, n'abasenga ibishushanyo, n'abanyabinyoma bose, umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari rwo rupfu rwa kabiri''. Abatizera, ni bo babanziriza abandi bose kuko ibyo byaha bindi byose, bikomoka ku kutizera Imana ku bwo kuyimura nk'uko twabisobanuye kare, tuvuga ko utizera akimura Imana ararikira ibindi bintu

cyangwa abandi bantu, noneho Satani akaza akuririra kuri ibyo ararikiye akaduhindura abanyeshari, abanyamururumba n'abanyabwoba. Ibyo bintu bitatu bikaba ari byo bidukoresha ibyaha by'uburyo bwinshi dusanga muri rino jambo ry'Imana tumaze kuvuga.

Twari tukiriho tuganira kuri ya nsanganyamatsiko ijanye n'icyunamo ivuga iti : Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana, ni wo musingi wo kubabarira. Ku babashije gutega amatwi ibiganiro byose uko ari bitatu bijanye n'icyunamo, ku bwo ubutumwa Imana yampaye bugamije guhumuriza abanyarwanda, babashije gusobanukirwa n'ibintu bikurikira by'ingenzi ku bagenzi baja mw'Ijuru.

1) Kwizera ko ari ukwimika Imana mu mitima yacu, kandi ko ntawakwimika Imana mu mutima we ngo ayihozeho ibitekerezo bye atayikunda kurusha byose. Ni cyo gituma mu kiganiro cya mbere twaganiriye cyane ku rukundo dukunda Imana icyari cyo n'ingene twarubona.

2) Kubabarira. Twavuze ko atawuzahonyoza ikirenge cye mw'Ijuru hakiriho umuntu n'umwe atabashije kubabarira, n'iyo yaba yaramukoreye ibibi bingana bite. N'ibyo abakoze genocide bakoreye abatutsi, tutabashije kubibabarira byose ngo dusubire kubana tutaryaryana, nta juru twabona. Nk'uko nabivuze mu kiganiro cya kabiri, Imana ntireba uburemere bw'ibibi badukoreye, kuko idusaba kuyiyegurira gusa no kuyifungurira imitima yacu kugirango ituneshereze. Irahari, kandi ifite imbaraga nyinshi zo kudukomeza no kuvura imitima yacu, icyo dufite gukora, ni ukwiringira muri yo yonyene. Uzaneshwa, n'uko nta kwizera azaba afite mu Mana.

   Ni nacyo gituma mu kiganiro cya kabiri n'iki cya gatatu, twabihariye ku gusobanura kw'Ijambo ryitwa kwizera . Dusobanura neza kwizera icyaricyo, twerekana ko ukwizera kutavukanwa, ahubwo ko tuvuka tutizera, dusobanura icyo twakora kugirango tubone ukwizera, dusobanura uburyo kwizera ari ibanze ryo gukiranuka tugasa na Yesu –Kristo, ku bwo kumwimika mu mitima yacu akaduha ibitekerezo by'Imana bikaba ari byo bituyobora bikadukoresha ibyiza. Twasobanuye ku kutizera icyaricyo, n'ingaruka zakwo, muri buno buzima no mu buzima buzaza. Twerekanye ko utizera ko aba yitandukanije n'Imana, ku bw'ibyo, nta mugisha wo mw'isi ashobora kubona ari yo mahoro n'umunezero. Amara iminsi ye yo kubaho ari mu mibabaro, mu bwoba no mu makuba, amaherezo akarimbuka, agatakaza ubugingo buhoraho.

   Ku bw'ibyo, ni cyo gituma nagira inama abariho bategа amatwi kino kiganiro, n'abazasoma zino nyigisho ko baba abanyamwete mu by'Imana, cyane cyane bagashishikarira gusoma Ijambo ry'Imana, ndetse na bya bitabo nandika, n'ibindi bitabo by'ivugabutumwa bidufasha guhishurirwa Imana kugirango tuyikunde cyane noneho

tubashe kuyizera, nayo izabashe kudufasha kuyikiranukira no kubabarira abatugiriye nabi, ndetse natwe duhabwe n'Uwiteka imbaraga zo gusaba imbabazi abo twahemukiye kugirango tubeho dushishikajwe no guhora twezwa kuko abatejeje batazabona Umwami Imana.

Ngiye kubagezaho rino jambo ry'Imana riri mu Baheburayo 10 : 35-39 nk'umwanzuro wa kino kiganiro kiduhamagarira kugira ukwizera mu Mana kugirango tubashe gukiranukira Imana n'abantu, kandi tubashe kubabarira abatubabaje tuzaragwe Ubwami bw'Ijuru. Kuko nitwasubira inyuma tugatakaza ukwizera, tuzaba duciye kubiri n'Imana.

Iryo jambo riratubwiye riti : '' Nuko rero, ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye. Kuko mukwiriye kwihangana kugirango nimumara gukora ibyo Imana ishaka muzahabwe ibyasezeranijwe. Haracasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma umutima wanjye ntuzamwishimira. Ariko twebweho, ntidufite gusubira inyuma, dufite kwizera kugirango tuzakize ubugingo bwacu.''

Imbere yo kurangiza kino kiganiro, nagirango mbanze nsubire mbagezeho ubutumwa bw'Imana budufata mu mugongo muri kino gihe gikomeye cy'icyunamo.

Imana itugiriye inama muri aya magambo iti :

**''NTIMUGAHERANWE N'AGAHINDA SO WO MW'IJURU ARAHARI''**

Igihe kiraje aho ibintu bigiye guhinduka, Sinzabivuga uko bikwiriye ariko ni igihe cyo gushakisha mu maso hanjye. Kuko vuba ahangaha, nta mpamvu muzabona yo kuba mutampindukiriye. Haraje igihe gikomeye ku banyabyaha. Abo mvuga ni abazi ijambo ryanjye ariko ntibarigumemo. Ni igihe cyo kubabarira byose kuko nanjye mbababarira byose. Ni igihe cyo gusaba imbabazi kuko ejo ni undi munsi. Mwiyeze imitima yanyu ntihasigaremo agatotsi na gatoyi. Ibikomere byanyu ntabwo bishobora kuba ibyireguzo imbere yanjye. Mubinzanire mbibavure kuko ni jye muganga wenyene uvura imitima ikomeretse. Mube ab'ukuri buri gihe, ntimugahe icyuho Satani cyo kubabohera mu gahinda n'imibabaro. Munsabe ubufasha buri igihe nzabaruhura.

Kwuzuza imitima yanyu agahinda, inzigo n'imibabaro, ntakindi bibamariye atari ukwicukurira icyobo. Munsange, nzabaha imbaraga n'ubushobozi byo kubabarira. Kandi ndabibabwiye, uwutazababarira ntazabona Ubwami bwanjye. Mu rupfu, ntimubonemo iherezo ribi riteye ubwoba. Kuko iyo muri muri njye, ni uburuhukiro bugeza mu bugingo buhoraho. Mubeho ubuzima bwanyu mu Rukundo, mu kuri no mu kubabarira. Nimubigenza mutyo, Satani ntazigera abanesha.

Ndiho mbwira abana banjye bibaza ko ibikomere byabo byakize. Ariko nyimba bikibababaza, n'uko bitarakira. Mumpindukirire by'ukuri, ndakiza byose.

Ndiho mbwira abana banjye bahaye igice cy'umutima wabo agahinda n'umubabaro ngo baze i wanjye kugirango nsane imitima yabo, kuko muri njye honyene, ni ho haba icyizere ( Espoir et Esperance ). Ndi kuvugana n'imitima yoroshe, yataye icyizere cyose kuba arijye mutura imibabaro yanyu. Kuko Imitima yanyu ndayigenzura buri gihe ngasanga hariho iyuzuye inzangano. Ndabibabwiye ko ntashobora kwinjira mu mitima imeze gutyo. Ariko mu mitima imeze gutyo, bayinyeguriye, nabasha kuyikuramo urwango, nkarusimbuza urukundo. Mube abatagatifu kandi mube abere kugirango ku munsi muzapfiraho muzabe mufite amahirwe yo ku kuzicarana nanjye. Amen

***Jean 4;7 , Matayo 15, Luc 6; 37-39 , Jean 13 , Abakolosayi 4; 2-6 , Luc 6, 20- 38 ( uzakurikiza rino jambo, ijuru rizaba rimikinguriwe ) ; Luc 6***

**Turagushimiye Mana ku bw'imbabazi n'urukundo udukunda, byatumye wicisha bugufi, ukaza kuvugana n'ubwoko bwawe. Amen**

Mwakomeje mwumva muri kino kiganiro mbabwira gusoma ibitabo nanditse kugirango musobanukirwe kurusha.

Ibyo bitabo ni bitatu :

1) Yesu yaranyiyeretse. Icyo gitabo ni ubuhamya bwanjye na Yesu, aho nsobanura uko nari meze ntarahura n'Umwami wanjye Yesu-Kristo. Ngasobanura uburyo nari umugore wabaswe na kamere nyinshi, harimo n'ubwoba bwamporamo butagira impamvu. Nasobanuye uburuhe Yesu yansanzemo akanduhura akampa amahoro n'umunezero. Yarangiza, akampindura, akangabira n'umurimo we wo kwigisha Agakiza.

2)Agakiza ni Yesu : Iki gitabo, kiradusobanurira Agakiza icyari cyo ko ari Yesu, ko tutagomba gukomeza kukitiranya n'amadini, imirimo myiza n'ibindi. Icyo gitabo kikadusobanurira Yesu, n'uburyo yakoresheje kugirango atwunge n'Imana, kandi natwe atubwira ibyo tugomba gukora kugirango tumenye Imana, tuyikunde kandi tuyizere.

3 ) Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana. Icyo gitabo, kidusobanurira icyo dukizwa icyari cyo, ko ari icyaha, inkomoko yacyo n'icyo twakora ngo tuve mu byaha ari ko gukizwa. Ababaswe na za kamere zinyuranye, musome kino gitabo, kizabafasha kubatuka. N'abasambanyI bazabatuka

Nagirango mbarangire aho ibyo bitabo maze kubigeza mwabibona hababera bugufi.

**Muri KIGALI**

**Mu mujyi hagati :**

1) Kuri Papeterie la Douce, na Papeterie Imprimerie Nouvelle izi zompi ziri ku muhanda unyura haruguru ya Nkuru Nziza.
2) Ku nyubakwa kwa Rubangura hasi ku muryango wa gatatu uvuye kuri rond point.

**Nyabugogo** : Kuri Agrotech mu gikari cy'inyubakwa y'amashirahamwe.

**I Kacyiru** : Ku rusengero rwa Ebenezer : Mwabaza Fortuné kuri 0783100980

Ku nzu kwa muzehe Polisi Denis, kuri cantine iri mu gikari. Iyo nzu iri irihande rw'Inteko ishinga amategeko, imbere ya Ministeri y'ubutabera.

**Gisimenti :** Haruhande ya Alimentation yo kwa Ndori kuri KARO PHARMACIE

**Kw'isoko ya Kimironko : Ucinjira mw'irembo bita iry'amafi mu buryo bwawe kwa Munyemari : 073028431**

**Kabuga :** Muri pharmacie y'imiti y'abantu iri kuri kaburimbi bugufi bw' umuhanda umanuka mu Gahoromani. : 0785378012

**I BURASIRAZUBA**

**Kayonza**: Ukase urenganye rond point ya Kayonza werekeza I kibungo mu buryo bwawe urabona inyubakwa ya mbere y'ubucuruzi. Mu mangazini y'umumaman witwa Jane ni ho ibitabo biri : Tél 0722664030, 0727442740

**Kibungo :** Ku mangazini mu mujyi wa Kibungo kwa Maman Eric **: 0788746424** Bariza ku biro bya Stella baramuzi neza

**Nyakarambi : -** Kuri centre, ku mangazini ya Ingabire Monika : 0788436877

- Ku rusengero rwa Assemblée de Dieu : Pasteur Ntwarane 0788541657

**Mutara** : Muri ADEPR mu mudugudu wa Kabeza : Mwarimu Mudaheranywa Francois : 0783393121

**MU MAJYA EPFO**

**Muhanga** : Gauchen Holly Church : Alice : 0785008250

Mu mujyi, ku mangazini ya Madame Nyinawumuntu Jacqueline azwi kw'izina rya maman Kofi : 0788872465

**MU BURENGERAZUBA**

Kuri za paroisses ziri ku byicaro bikuru bya ADEPR, muri za bibliotheques zabo i Karongi mu mjyi, i Nyamasheke, i Rusizi, mu Rutsiro, i Ngororero, i Nyabihu, i Rubavu

Kuri radiyo Insangano i Rubengera, no kumangazini icyuruza Bibiliya n'ibindi bitabo by'iyoboka Mana aho I Rubengera

Kuri paroisse ya ADEPR i Gisovu : 0788465842

Ku Mudugudu wa Jenda wa ADEPR uri iNyabihu : Mwabaza Tharcisse 0726284063

**MU MAJARUGURU**

Ku cyicyaro cya Eglise Methodiste mu mujyi wa Ruhengeri : Révérend Pasteur Seti : 0788872066

Mboneyeho akaryo ko kubamenyesha ko abashaka bino bitabo kuri za Email zabo, bazimpe ndabibohererereza hamwe n'ubundi butumwa. Ikindi amatangazo nagiye ntanga ko mbafotorero inyigisho ku buntu nkazibohererereza, ibyo ntibigishoboka, izo photocopies zasimbuwe n'ibitabo. Kandi nimubyumva inyuma y'ikiganiro runaka, si ko bikimeze n'uko nzaba nashubijeho ikiganiro cya kera.

Kuri paroisse ya ADEPR mu Kinigi . Mushobora kubaza Mugemana Vincent kuri 0783131960.

Murakoze.

**I BURUNDI**

**Muhamagare Kamikazi Raissa i Bujumbura arabifite : Tél : 79405097**